GAHUNDA Y'IMIHANGO Y'ICYUNAMO CYO MU KWEZI KWA MATA 2018

Buri mwaka, iyo ukwezi kwa mata kwegereje, kimwe mu bibazo abanyarwanda batavugaho rumwe ni umuhango wo kwibuka ababo bahitanywe n'amarorerwa yagwiriye u Rwanda.

Imyaka igiye kuba 25 nyuma y'aho imiryango y'abanyarwanda igushije ishyano, igatakaza abayo batagira ingano mu Rwanda no muri Kongo ; aliko magingo aya usanga batarahuza uburyo n'igihe cyo kwibuka no kunamira abo bose batabarutse.

Kenshi, icyo badahurizaho ni itariki iyo mihango yatangiriraho ; haba ku ya 6 cyangwa iya 7 mata ya buri mwaka. Iyo usesenguye aliko usanga ko ikibatandukanya ahanini ari uko bamwe bavuga ko Icyunamo kigomba guharirwa gusa abahitanywe na Jenoside yakorewe abatutsi muri 1994; abandi nabo bakabona ko inzirakarengane zose zatikiriye mu bwicanyi zikwiye kwibukwa, zikunamirwa mu cyubahiro.

Ayo makimbirane ababaje kandi anateye igisebo mu gihe cy'icyunamo, azakomeza igihe cyose hazaba hataragenwa gahunda iboneye abayarwanda bose bisangamo.

N'ubwo ibyaha bw'ubwicanyi bisumbana, jenoside ikaba ari yo iremereye kurusha ibindi, inzirakarengane zose zatabarutse zirareshya. Rero zikaba zikwiye gufatwa kimwe. Umuntu ni nk'undi. Ububabare n'agahinda uwatakaje abe agira, - yaba se, yaba nyina, baba abana cyangwa abavandimwe be -, burangana kuri buri muntu, uko baba barishwe kose.
Ubwo bubabare n'agahinda usangana abarokotse bose, byagombye kubabera intandaro yo kwegerana, bakisungana aho kuba impamvu yo kwitandukanya.

Iyi ngingo ni imwe mu nshingano-remezo Jambo asbl igenderaho, ari yo kudasumbanya abazize ubwicanyi ubwo ari bwo bwose, bityo tukubaka amateka amwe kandi ahuriweho na bose maze tugashyira iruhande ibidutandukanya, ahubwo tukimakaza ibiduhuza.

Duhereye ku byo twakoze mu myaka ishize mu rwego rw'Icyunamo, turifuza ko ukwezi kwa mata kose, kwaharirwa kwibuka no kuzirikana abavukijwe ubuzima tutibagiwe abacitse kw'icumu ry'abicanyi abo aribo bose.

Dore rero ingengabihe twifuza kugenderaho kugira ngo buri wese ubyifuza, yaba umunyarwanda cyangwa umunyamahanga, **azazirikane by'umwihariko** kandi atarobanuye inzirakarengane zose zazize ubwicanyi bwo mw'icuraburindi u Rwanda rwanyuzemo.

1. Icyumweru cyo kuva kw'itariki ya 1 kugeza ku ya 6 mata : abishwe hamwe n'abarokotse ubwicanyi bushingiye kuri politiki.
2. Icyumweru cyo kuva kw'itariki ya 7 kugeza ku ya 13 mata : abahitanywe kimwe n'abarokotse jenoside yakorewe abatutsi.
3. Icyumweru cyo kuva kw'itariki ya 14 kugeza ku ya 20 mata : abahitanywe hamwe n'abarokotse ubwicanyi bwa gisirikari bwaciye ku mategeko mpuzamahanga agenga iby'intambara.
4. Icyumweru cyo kuva kw'itariki ya 21 kugeza ku ya 27 mata : abahitanywe hamwe n'abarokotse ubwicanyi bwibasiriye Inyoko-muntu (cyangwa jenoside) bwakorerwe abahutu.

Koko rero, twe twizera tudashidikanya ko umuti w'ubwiyunge nyabwo kandi burambye bw'abanyarwanda ari ugufata kimwe inzirakarengane zose, hamwe n'abacitse kw'icumu ry'ubwicanyi ubwo ari bwo bwose, maze bakibukwa k'uburyo twese twisangamo ntawe uhejwe.

Nk'uko dusanzwe tubikora buri mwaka, Icyunamo kizasozwa n'umuhango wo **kuzirikana bw'umwihariko inzirakarengane zose zahitanywe n'amakuba y'ingeri nyinshi yabaye mu karere k'Ibiyaga bigari by' Afurika kuva m'uw'1990 kugeza ubu**. Uwo muhango uzaba mu mpera z'icyumweru cya nyuma cya mata, **kuwa gatandatu tariki 28**, kandi buri wese ahawe ikaze.

Hagati aho, inyandiko n'amatangazo byacu bizibanda ku bikubiye muri iriya ngengabihe iri haruguru, icyumweru ku kindi. Turizera kandi ko muri uriya muhango wo gusoza Icyunamo kuwa gatandatu 28 mata, abanyarwanda n'incuti zabo bazashobora kuwitabira ari benshi kugira ngo baterane ingabo mu bitugu ndetse banasabane.

Pour Jambo asbl,
Thierry Ishimwe
Mpore, Mémoire et Justice